REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

# IMIHIGO Y'INZEGO Z'IBANZE ZEGEREJWE ABATURAGE:

***UMUDUGUDU, AKAGARI, UMURENGE***

# Agatabo k'imfashamikorere

2020

# IMIHIGO Y'INZEGO Z'IBANZE ZEGEREJWE ABATURAGE:

## *UMUDUGUDU, AKAGARI, UMURENGE*

**2020**

*“Ntabwo imihigo twayigira umugenzo gusa. Umuhigo ni intego, ni igikorwa gikwiye kuba kigaragaza uko tugenda dutera imbere, ndetse n’uko impinduka igera ku buzima bw’Abanyarwanda bose.”*

**Nyakubahwa KAGAME Paul**, Perezida wa Repubulika y’u Rwanda, mu muhango wo gusinya Imihigo ya 2017-2018.

## IJAMBO RY'IBANZE

Mu mwaka wa 2006, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yagaruye Imihigo mu nzego zose z'igihugu ahereye ku z'ibanze. Guhera ubwo, imihigo yabaye umusemburo w'imibereho myiza y'abaturage n'iterambere ry'Igihugu.

Imihigo ni kimwe mu bisubizo by'umwimerere twishatsemo nk'Abanyarwanda; kandi bikomoka ku muco wacu. By'umwihariko, imihigo mu nzego z'ibanze ishingiye ku byifuzo by'abaturage no ku cyerekezo cy'iterambere u Rwanda rwihaye, ikaba umusingi w'iterambere ryabo.

Umudugudu, Akagari n'Umurenge nibyesa imihigo bizatuma tugera ku mibereho myiza y'abaturage vuba, tugire abaturage bashoboye kandi batekanye. Kwesa imihigo kw'izi nzego bituma imihigo y'uturere nayo igerwaho bityo bikihutisha iterambere ry'Igihugu.

Aka gatabo gakubiyemo ibyibandwaho mu gutegura imihigo y'Umudugudu, Akagari n'Umurenge. Ibyo buri rwego ruhiga byubakiye kuri gahunda ya Guverinoma y'Imyaka irindwi (2017-2024).

Abaturage bashobora kongeramo ibindi bakeneye hashingiwe ku byifuzo byabo cyangwa ibibazo bashaka gukemura. Umudugudu, Akagari n'Umurenge by'intangarugero ni ibizaba byageze kuri izi ntego.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu irasaba ubuyobozi bw'inzego z'ibanze gushishikarira kwesa iyi mihigo ku bufatanye n'izindi nzego harimo n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF).

Turasaba by'umwihariko ko abaturage bayigiramo uruhare rugaragara, ikaba iyabo.

**Prof. SHYAKA Anastase**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

# A.

# IBIRANGA UMUDUGUDU NTANGARUGERO MU CYARO NO MU MIJYI

## IBIGOMBA KURANGA UMUDUGUDU NTANGARUGERO MU CYARO

1. Irerero ry’abana bato (ECD);
2. Itorero ry’umudugudu rikora neza hagamijwe kwimakaza indangagaciro na kirazira;
3. Imihanda ikoze neza;
4. Icyumba cy’inama cy’umudugudu;
5. Igikoni cy’umudugudu;
6. Irondo rikora neza mu mudugudu;
7. Ikayi y’umudugudu (abaturage bose n’ibyiciro byabo, abinjira n’abasohoka);
8. Gushyira mu bikorwa ingamba zo kwita ku buhinzi n’ubworozi, no kwita ku bidukikije;
9. Gukumira no kurwanya ibyaha na ruswa by’umwihariko;
10. Gukurikirana neza gahunda zivana abaturage mu bukene;
11. Kwita ku ngamba zo kwimakaza ubumwe n’ubwiyunge;
12. Kugira ibiti by’imbuto kuri buri rugo;
13. Kugira ubuyobozi bw’Umudugudu burangwa n’ubwangamugayo;
14. Igipimo cy’abaturage bivanye mu cyiciro cy’ubukene;
15. Imiryango yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bayigize;
16. Kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina, no guca gusambanya abana;
17. Kurwanya uburara n’ubwomanzi, himakazwa indangagaciro mu rubyiruko;

18. Buri muryango ugize umudugudu ukwiye kuba urangwa n’ibi bikurikira:

a) Ubwisungane mu kwivuza;
b) Ubwiherero bwujuje ibyangombwa n’ubwiyuhagiriro;
c) Inzu irimo sima cyangwa ikurungiye, kandi iri ahateganyirijwe Umudugudu;
d) Ubuririri bwiza, buriho inzitiramibu;
e) Gufata amazi yo ku gisenge cy’inzu hacukurwa ibyobo biyafata;
f) Kurwanya isuri hacukurwa imirwanyasuri, ndetse haterwa ibiti bifata ubutaka;
g) Kuba abantu batararana n’amatungo, nayo akagira ikiraro cyayo;
h) Umurima w’imboga wunganira imirire no kugira ibiti by’imbuto zitandukanye;
i) Kugira ingarani yifashishwa mu kubika imyanda no gukora ifumbire y’imborera;
j) Kuboneza urubyaro;
k) Kuba yizigamira muri Ejo Heza cyangwa ubundi buryo;
l) Igipande cy’umuganda;
m) Abana badafite ibibazo by’imirire mibi kandi bari mu ishuri;
n) Umuryango uzira amakimbirane kandi wivana mu bukene (kugira umuryango ushoboye kandi utekanye);
o) Isuku mu rugo no ku mubiri ku bagize umuryango;
p) Kwimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.

## IBINTU BIGOMBA KURANGA UMUDUGUDU NTANGARUGERO MU MIJYI

1. Irerero ry'abana bato (ECD);
2. Itorero ry'Umudugudu rikora neza hagamijwe kwimakaza indangagaciro na kirazira;
3. Imihanda ikoze neza;
4. Icyumba cy'inama cy'Umudugudu;
5. Igikoni cy'mudugudu cyangwa ubundi buryo bwigisha ababyeyi uko bategurira abana indyo yuzuye;
6. Irondo rikora neza mu mudugudu;
7. kayi y'Umudugudu (abaturage bose n'ibyiciro byabo, abinjira n'abasohoka);
8. Gukumira no kurwanya ibyaha na ruswa by'umwihariko;
9. Gukurikirana neza gahunda zivana abaturage mu bukene;
10. Kwita ku ngamba zo kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge;
11. Kutarangwamo ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri;
12. Kugira ubuyobozi bw'Umudugudu burangwa n'ubwangamugayo;
13. Igipimo cy'abaturage bivanye mu cyiciro cy'ubukene;
14. Imiryango yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bayigize;
15. Kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina, no guca gusambanya abana;
16. Kurwanya uburara n'ubwomanzi, himakazwa indangagaciro mu rubyiruko;

17. Buri muryango ugize Umudugudu ukwiye kuba ufite ibi bikurikira:

a) Ubwisungane mu kwivuza;

b) Kuba mu nzu ijyanye n'imiturire yemewe;

c) Gufata amazi yo ku gisenge cy'inzu;

d) Kugira uburyo / igikoresho gishyirwamo imyanda mbere yo kujyanwa mu kimoteri rusange;

e) Kuboneza urubyaro;

f) Kuba yizigamira muri Ejo Heza cyangwa ubundi buryo;

g) Gukoresha gaz, bio-gaz, rondereza, briquettes cyangwa ubundi buryo bukoresha ingufu zitangiza ibidukikije mu guteka;

h) Abana badafite ibibazo by'imirire mibi kandi bari mu ishuri;

i) Umuryango uzira amakimbirane kandi wivana mu bukene;

j) Kutagaragaramo uburara, ubuzererezi n'ubwomanzi;

k) Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

# B.

# IBIRANGA AKAGARI NTANGARUGERO MU CYARO NO MU MIJYI

*Ndi Rushingwangerero*
*Ndi Umurinzi w'ibyagezweho*
*Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya*
*n'iterambere ry'Afurika.*

# IBIGOMBA KURANGA AKAGARI NTANGARUGERO MU CYARO

1. Kugira abaturage bizigamira by'igihe kirekire muri EJO HEZA no mu bundi buryo bwemewe;
2. Kugira imihanda n'imiferege bimeze neza kandi bifite isuku;
3. Kugira ikigo mbonezamikurire cy'abana bato (ECD) gikora neza;
4. Kugira ivuriro ry'ibanze (health post);
5. Abana bose biga kandi badata ishuri;
6. Kutagira imirire mibi ku bana bose cyane cyane abari munsi y'imyaka itanu;
7. Abaturage gukoresha kandagira-ukarabe, kugira isuku ku mubiri ndetse no mu rugo;
8. Kugira ubwiherero buboneye kandi bufite isuku;
9. Amasanteri y'ubucuruzi afite isuku;
10. Kugira inyubako yo gukoreramo iboneye;
11. Gutanga serivise nziza kandi ku gihe;
12. Gukemura ibibazo by'abaturage neza 100% kandi ku gihe
13. Abaturage bose bitabira gahunda za Leta (Umuganda rusange, Umugoroba w'ababyeyi, Inteko z'abaturage, n'izindi);
14. Kutarangwamo icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge;
15. Kutarangwamo ihohoterwa iryo ari ryo ryose;
16. Kutarangwamo amakimbirane ashingiye ku butaka n'andi makimbirane yose;
17. Kugira imidugudu yose ifite itorero rikora neza kandi rikurikiranwa buri gihe;
18. Kutagaragaramo imanza zitarangijwe;
19. Kugira ubuyobozi bw'Akagari burangwa n'ubwangamugayo;
20. Igipimo cy'abaturage bivanye mu cyiciro cy'ubukene;
21. Imiryango izira amakimbirane, ihohoterwa iryo ariryo ryose harimo irishingiye ku gitsina no gusambanya abana;
22. Kurwanya uburara n'ubwomanzi, himakazwa indangagaciro mu rubyiruko;
23. Kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, n'izindi ngamba zikubiye mu biranga Umuryango ushoboye kandi utekanye; byashyizweho na Minisiteri y'iterambere ry'umuryango (wasanga Hano)

# IBIGOMBA KURANGA AKAGARI NTANGARUGERO MU MIJYI

1. Abaturage bizigamira by'igihe kirekire muri EJO HEZA, no mu bundi buryo bwemewe;
2. Kugira amashanyarazi n'amazi nibura ku rugero rwa 75%;
3. Kugira imihanda n'imiferege bimeze neza kandi bifite isuku;
4. Kubahiriza igishushanyo cy'imiturire (physical plans) cy'Akagari cyakozwe kandi cyemejwe n'ubuyobozi, no gukurikiza amabwiriza y'imyubakire;
5. Kugira ikigo mbonezamikurire cy'abana bato (ECD) gikora neza;
6. Kugira ivuriro ry'ibanze (health post) cyangwa ikigo nderabuzima bikora neza;
7. Kuba abana bose b'Akagari biga kandi badata ishuri;
8. Kutarangwamo imirire mibi ku bana bose, cyane cyane abari munsi y'imyaka itanu;
9. Kurangwa n'isuku kuri za santeri z'ubucuruzi n'ahandi hahurira abantu benshi;
10. Kuba abaturage bose bafite ubwiherero buboneye kandi bufite isuku;
11. Kuba Akagari karimbishijwe n'indabo, no gushyira ubusitani ku mbuga n'ahandi (greening and beautification);
12. Kugira inyubako y'ibiro by'Akagari iboneye;
13. Kuba Akagari gatanga serivisi nziza kandi ku gihe;
14. Kuba gakemura ibibazo by'abaturage ku gihe 100%;

15. Kuba abaturage bitabira gahunda za Leta (Umuganda rusange, Umugoroba w'ababyeyi, Inteko z'abaturage, n'izindi);
16. Kutarangwamo ibiyobyabwenge, uburara, ubuzererezi, n'ubwomanzi;
17. Kutagaragaramo ihohoterwa iryo ari ryo ryose;
18. Kuba itorero ryo mu midugudu yose rikora neza;
19. Kutarangwamo imanza zitarangijwe ku gihe;
20. Kutarangwamo amakimbirane ashingiye ku butaka n'andi makimbirane ayo ari yo yose;
21. Kubaka imiryango ishoboye kandi itekanye;
22. Kugira ubuyobozi bw'Akagari burangwa n'ubwangamugayo;
23. Igipimo cy'abaturage bivanye mu cyiciro cy'ubukene.
24. Imiryango izira amakimbirane, ihohoterwa iryo ariryo ryose harimo irishingiye ku gitsina no gusambanya abana;
25. Kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, n'izindi ngamba zikubiye mu biranga Umuryango ushoboye kandi utekanye byashyizweho na Minisiteri y'iterambere ry'umuryango (wasanga Hano)

# C.

# IBIRANGA UMURENGE NTANGARUGERO MU CYARO NO MU MIJYI

*Ndi isonga*

*Ndi mudateshuka ku nshingano*

*Ndi nkore neza bandebereho*

*Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga*

*Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda*

*rushya n'iterambere ry' Afurika.*

## IBIGOMBA KURANGA UMURENGE NTANGARUGERO WO MU CYARO

1) Kuba Umurenge ufite amashanyaranzi ku kigero cya 75% (on grid and off grid);
2) Kuba abaturage batuye Umurenge bakoresha gaz, rondereza, briquettes cyangwa ubundi buryo bukoresha ingufu zitangiza ibidukikije ku kigero cya 75%;
3) Kuba imishinga ibyara inyungu (Financial Services) mu rwego rwa VUP igirira bene yo akamaro, no kuba inguzanyo zigeze igihe cyo kwishyurwa zigaruzwa 100%;
4) Kuba abaturage bagezwaho ku gihe inyongeramusaruro mu buhinzi (ifumbire, imbuto z'indobanure);
5) Kuba umusaruro wa buri gihingwa cyatoranyijwe warongerewe no kuba isoko ry'umusaruro w'abaturage riboneka;
6) Kuba ubworozi butanga umusaruro ku baturage;
7) Kuba imihanda y'imigenderano (feeder roads) n'imihanda ihuza imirenge imeze neza;
8) Kuba abaturage bakangurirwa kandi bakitabira gahunda yo kwizigamira muri EJO HEZA
9) Kuba imikorere y'amakoperative iteza imbere abanyamuryango bayo
10) Kugira amakusanyirizo y'amata akora neza, no kuba hari uburyo bwo kuyegereza abayakeneye ku bufatanye n'abikorera;
11) Kuba amashuri, ikigo nderabuzima, santeri z'ubucuruzi zisukuye;
12) Kuba abaturage bose bafite amazi meza bavoma nibura muri metero 500;

13) Kuba ibibazo bibangamiye umudendezo w'abaturage (Human security Issues) byarakemuwe;
14) Kuba abana barindwa imirimo mibi/ivunanye;
15) Kuba gahunda za VUP zishyirwa mu bikorwa ku buryo zigirira abagenerwabikorwa akamaro; kuba bishyurwa ku gihe ndetse na raporo zitangirwa ku gihe;
16) Kuba hakumirwa amakimbirane n'umutekano muke mu ngo (family conflicts and crimes prevention);
17) Ibigo by'amashuri yisumbuye byose bishyira mu bikorwa neza gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (school feeding);
18) Kuba ibibazo by'abaturage bikemurwa 100%;
19) Kuba abaturage bahabwa serivisi ku gihe kandi mu mucyo;
20) Kuba harwanywa ndetse hagakumirwa ibiyobyabwenge, ubujura, uburara, ubuzererezi n'ubwomanzi;
21) Kuba hari uburyo bwo kwigiranaho (peer review & peer learning) mu bigo bya Leta bikorera mu murenge (NBAs), no gutanga raporo ku gihe;
22) Kurangiza imanza 100%;
23) Kuba hakurikiranwa hakanasuzumwa imikorere y'Abafatanyabikorwa bakorera mu murenge;
24) Kugira imiryango ishoboye kandi itekanye;
25) Kugira ubuyobozi bw'Umurenge burangwa n'ubwangamugayo;
26) Igipimo cy'abaturage bivanye mu cyiciro cy'ubukene;
27) Igipimo cy'abaturage batuye mu midugudu.
28) Kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose cyane cyane irikorerwa abagore n'abana;
29) Kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, n'izindi ngamba zikubiye mu biranga Umuryango ushoboye kandi utekanye byashyizweho na Minisiteri y'iterambere ry'umuryango (wasanga Hano)

## IBINTU BIGOMBA KURANGA UMURENGE NTANGARUGERO MU MIJYI

1) Kuba Umurenge ufite amashanyanzi (on grid/off grid) nibura ku kigero cya 75%;
2) Kuba abaturage batuye Umurenge bakoresha gaz, rondereza, briquettes cyangwa ubundi buryo bukoresha ingufu zitangiza ibidukikije ku kigero cya 75%;
3) Kuba abaturage bose bafite amazi meza bavoma nibura muri metero 500;
4) Kuba hari imihanda y'imigenderano (feeder roads) n'imihanda ihuza imirenge kandi imeze neza;
5) Kuba abaturage bari muri gahunda yo kwizigamira muri EJO HEZA cyangwa ubundi buryo bwo kwizigamira bwemewe;
6) Kubahiriza igishushanyo cy'imiturire (physical plans) cy'Umurenge cyakozwe kandi cyemejwe n'ubuyobozi, no gukurikiza amabwiriza y'imyubakire;
7) Kuba amakoperative akorera mu murenge akurikiranwa neza ku buryo agirira akamaro abanyamuryango;
8) Kuba ahari amakusanyirizo y'amata akora neza;
9) Kuba imishinga ibyara inyungu (Financial Services) mu rwego rwa VUP igirira bene yo akamaro, no kuba inguzanyo zigeze igihe cyo kwishyurwa zigaruzwa 100%;
10) Kutarangwamo ibibazo bibangamiye umudendezo w'abaturage (Human security Issues);
11) Kuba abana barindwa imirimo mibi/ivunanye;
12) Kugira isuku ku mihanda, utubari, santeri z'ubucuruziamasoko, ibigo nderabuzima, amashuri n'ahandi hahurira abantu benshi;

13) Kurimbisha Umurenge, ibigo bya Leta n'iby'abikorera haterwa indabo, ubusitani n'ibindi (greening and beautification);
14) Gushyira mu bikorwa gahunda za VUP ku buryo zigirira abagenerwabikorwa akamaro, kubishyurira ku gihe, ndetse no gutanga raporo ku gihe;
15) Ibigo by'amashuri yisumbuye byose bishyira mu bikorwa neza gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (school feeding);
16) Kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge, ubujura, uburara, ubuzererezi ubwomanzi n'inda zitateganyijwe ku bangavu;
17) Gukumira no kurwanya amakimbirane n'umutekano muke mu ngo (family conflicts and crimes prevention);
18) Kuba ibibazo by'abaturage bikemurwa 100%;
19) Kuba hatangwa serivisi nziza ku gihe kandi mu mucyo;
20) Kuba hari gahunda yo kwigiranaho (peer review & peer learning) mu bigo bya Leta bikorera mu Murenge (NBAs), no gutanga raporo ku gihe;
21) Kuba harangizwa imanza ku gihe 100%;
22) Gukurikirana no gusuzuma imikorere y'Abafatanyabikorwa bakorera mu murenge;
23) Kugira imiryango ishoboye kandi itekanye (100%);
24) Kugira ubuyobozi bw'Umurenge burangwa n'ubwangamugayo;
25) Igipimo cy'abaturage bivanye mu cyiciro cy'ubukene;
26) Kurwanya ihohoterwa iryo aririyo ryose cyane cyane irikorerwa abagore n'abana;
27) Kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, n'izindi ngamba zikubiye mu biranga Umuryango ushoboye kandi utekanye byashyizweho na Minisiteri y'iterambere ry'umuryango (wasanga Hano

## UBURYO BWO KWEMEZA, GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA IMIHIGO Y'UMUDUGUDU, AKAGARI N'UMURENGE

Imihigo y'Umudugudu, Akagari n'Umurenge

yemezwa ikanakurikiranwa ku buryo bukurikira:

1. Imihigo y'umuryango yemezwa kandi igakurikiranwa n'Umudugudu ku buryo buhoraho, igasuzumwa n'itsinda rishyirwaho n'Akagari;
2. Imihigo y'Umudugudu yemezwa n'urwego rw'Akarere, igakurikiranwa n'Umurenge n'Akagari ku buryo buhoraho, igasuzumwa n'itsinda rishyirwaho n'Umurenge;
3. Imihigo y'Akagari yemezwa n'Intara igakurikiranwa ku buryo buhoraho n'Umurenge n'Akarere igasuzumwa n'itsinda rishyirwaho n'Akarere;
4. Imihigo y'Umurenge yemezwa na MINALOC igakurikiranwa ku buryo buhoraho n'Akarere n'Intara igasuzumwa n'itsinda rishyirwaho n'Intara.

**Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu**

